**Kinyarwanda I**

**008**

**22/11/2012 8.30 -11.30 am**

**REPUBLIC OF RWANDA**

**RWANDA EDUCATION BOARD (REB)**

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE 2012**

**IKIZAMINI : KINYARWANDA I**

**IGIHE KIMARA : AMASAHA 3**

**AMABWIRIZA**:

- Ikizamini kigizwe n'ibice bine :
  - **Igice cya mbere**: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 38)**
  - **Igice cya kabiri**: Ikibonezamvugo **(amanota 37)**
  - **Igice cya gatatu**: Imyandikire n'ubumenyi by'ururimi **(amanota 10)**
  - **Igice cya kane**: Ihangamwandiko **(amanota 15)**
- Subiriza mu ikayi yabugenewe wubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
- Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- Ubujijwe rwose kugaragaza amazina yawe, ay'ishuri wigamo cyangwa ibindi bikuranga ku ihangamwandiko n'ahandi hose hatabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.
- Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe cyane cyane ibipfuye bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.

**UMWANDIKO: URUZI RW'AKAGERA**

Si icyuzi, si akûuzi, si ikidendezi, si akagezi kanyonyomba kamwe kavogerwa, ni uruzi runini rutunze byinshi, rugahahira benshi. Abahanga bahamya ko rufite uburebure bwa kilimetero magana ane (km 400).

Akagera gafite amasôko abiri y'ingenzi : Rutovu ibyara Ruvubu bamwe bita Ruvuvu mu Burundi na Rukarara ibyara Nyabarongo yaahuurâ n'Akanyaru bikiyubururamo Akagera. Kagabanya imbibi z'ibihugu bivandimwe by'u Burundi, u Rwanda, Tanzaniya na Uganda. Bityo ikibaya cy'Akagera gihuriweho n'ibyo bihugu uko ari bine byashyizeho umuryango ubihuza mu 1978 (OBK/KBO) bigamije gucunga neza ubukungu n'ibindi bikomoka kuri urwo ruzi n'ikibaya cyarwo. Indimi zihurirwaho rero ni izisanzwe zikoreshwa : igiswayire n'icyongereza.

Akagera koogooga amajyepfo y'u Bugesera, n'ay'i Gisaka kakiirasa ku Rusumo, amasumo yako yambukiranywa n'ikiraro kiduhuza na Tanzaniya cyubatswe muri 1972. Ugihagazeho yihera ijisho urwokotsi ruturuka ikuzimu yumva uko ayo mazi menshi ahoorêra arûruma. Gakomeza mu nkengero z'imbuga y'Inyamaswa y'AKAGERA, ari ko gasakuma amazi y'ibiyaga Cyambwe, Naasho, Ihema, Mihindi, na Rwanyakizinga n'ay'imigezi Kamababa, Karangazi na Kizinga, Kagitumba - Muvumba yo mu Mutara. Ku ruhande rwa Tanzaniya, Akagera kaakiira amazi y'utuyaga twinshi, tubiri tw'ingenzi tukaba Bisongu na Mujunju. Ba mukerarugendo bakunda gusuura inyamaswa ahantu nyaburaanga habiri hazwi muri ako karere ka KAGERA, intara ya Mwanza : Pariki y'Igihugu ya RURIGI n'imbuga yitwa Rumanyika Orugundu game reserve.

Iyo kavuye ku Muvumba, kerekeza i Burasirazuba mu Karagwe (Tanzaniya), kakanyura ku mijyi ya Kagera port, ku cyambu cya Kyaka ari cyo cyonyine cyakira amato manini, kakanyura Kakindu kakinjira muri Uganda mbere yo kwiroha mu kiyaga VIGITORIYA (Victoria Nyanza- 69490 km²). Aho ni nko mu birometero mirongo ine mu majyaruguru ya Bukoba, umurwa mukuru w'akarere k'Akagera. Ba kavukire bo ku ruhande rwa Tanzaniya bacyita Ukerewe, izina ry'ikirwa kiruta ibindi muri icyo kiyaga; aba Uganda bakacyita Nalubale. Vigitoriya ryatanzwe n'ingeenzi y'umwongereza John Hanning Speke mu 1858; yakigezeho aratangara, acyitirira umwamikazi w'Abongereza wariho icyo gihe, ari na we wari wamwohereje gushakashaka isoko ya Nili.

Ibiyaga twavuze bibamo amafi, imvubu n'ingona, utunyamasyo, ibihura, inzibyi, inzobe, n'izindi... Inyoni z' amoko atandukanye nk'imisambi, inyange, nyirabarazana n'izitunzwe no kuroba amafi. Inyamaswa zirarushooka rukazimara inyota. Abarobyi benshi barukesha amaramuko. Abahinzi bake batera imyaka ku nkengero zarwo; izuba ryakara bakavomerera. Akarere k'Akagera kararumbuka cyane: kera ibitooke, keera ikawa, n'ibihingwa ngandurarugo nk'imyumbati, ibigori n'ibijumba. Abanyabukorikori baboha ibikoresho bikomoka ku mifunzo. Abaturiye

ikibaya cy'Akagera barahahirana, baracudika, bagashyingirana. Twibuke mu mateka ko Ruganzu Ndori yazahuye u Rwanda avuye mu bwihisho mu Karagwe k'Abahinda kwa Karemera Ndagara wari umugabo wa nyirasenge Nyabunyana.

Ni rwo ruzi ruruta izindi zose ziroha muri icyo kiyaga gisohokamo isoko idakama ya Nili, umugenzi ashobora kwitegereza ku rugomero Owen Falls i Jinja muri Uganda. Urwo rugomero rwubatswe mu mwaka wa 1954 kandi imijyi myinshi y'icyo gihugu n'inganda zacyo bikoresha umuriro urukomokaho.

Abanyarwanda bo hambere ntibari bamenyereye kurya amafi yo mu biyaga n'inzuzi, ariko bambukaga kenshi imigezi bagiye ahantu hatandukanye. Bamwe bageraga hakurya amahoro, banyiribyago bakarohama cyangwa bagafatwa n'ingoona. Ni byo batebyaga mu bisakuzo bagira bati «Nagutera Rukara hejuru y'amazi» cyangwa ngo «Rurica ntiruhoorwa». Twibuke ya mvugo ngo «ambuka shahu rwarakamye (uruzi )!»

Cyangwa uyu mugani ugira uti «Umugezi uhuruye cyane (w'isuuri) urîisiba». N'ubwo hari aho bita akagera inzoga ibishye, idasomeka, kunywa akagera ni ukurohama, ukicwa n'amazi yako.

## I. IGICE CYA MBERE (amanota 38)

### A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 23)

**N.B: Koresha amagambo yawe bwite. Ntiwandukure interuro z'umwandiko.**

**1.** Andika amazina y'ibihugu bine (4) bihuriye ku ruzi rw'Akagera. **(2)**

**2.** Gereranya ubunini (ubûuso) bw'ikiyaga "Victoria" n'ubw'u Rwanda (26 338 km$^2$) **(1)**

**3.** Akagera kisuka hehe? Erekana ko gafatiye runini uruzi rwa Nili. **(2)**

**4.** Tanga ingingo eshatu (3) zigaragaza aho ubukerarugendo mu kibaya cy'Akagera bushingiye. **(3)**

**5.** Urwo ruzi n'ibiyaga byarwo bimariye iki abarobyi n'abahinzi bakorera mu kibaya cyarwo? **(2)**

**6.** Andika amazina abiri y'imigezi (2) y'u Rwanda n'umwe w'u Burundi ibyara Akagera. **(3)**

**7.** Uhereye ku mwandiko garagaza amazina y'ibiyaga bine (4) byacu na bibiri (2) bya Tanzaniya bihoombookera mu Kagera. **(3)**

**8.** Akagera kagira icyambu kimwe gusa cyakira amato manini : ni ikihe? Ibyo birerekana iyihe ngorane kuri urwo ruzi? **(2)**

**9.** Umuryango wa OBK n'uw'Afurika y'Uburasirazuba ihuriye he? Erekana indimi ebyiri (2) zikoreshwa mu ihahirana ry'ibihugu biyigize. **(2)**

**10.** Kwica ibisakuzo: Sakwe sakwe!

**a)** Nagutera Rukara hejuru y'urupfu wayimenya nkaguhemba. **(1)**

**b)** Rurîica ntîruhoorwâ. **(1)**

**11.** Sobanura uyu mugani w'umugenurano: «umugezi w'isuuri urîisiba». **(1)**

**B. INYUNGURAMAGAMBO (amanota 15)**

**12. Koresha amagambo yawe bwite usobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko. (13)**

a) Isuumo

b) Icyuzi

c) Ikidendezi

d) umuvuumba

e) Kunyônyoomba (umugezi)

f) Kwîisuka

g) Kunywa Akagera

h) Gukêesha amaramuko

i) Kururuma (amazi)

j) Gusaanga rwarakamye (uruzi)

k) Kwiheera ijisho

l) Nalubale

m) Kuruubira nka Rukarara

**13. Andika impuzanyito z'aya magambo ziri mu mwandiko. (2)**

a) Guhiindura uruhu n'isuûra (ku inzoka )

b) Inkoombe z'uruzi

c) Ibihingwa biramira urugo

d) Kwêera cyane k'ubutaka

## II. IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 37)

**14. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo.** **(10)**

Aho hantu ni mu majyaruguru ya Bukoba, umurwa mukuru w'akarere k'Akagera.

Ukerewe kiruta ibindi birwa byo muri icyo kiyaga, abagituriye bita Nyanza (inyanja).

Imbwa yabonye shebuja aguye mu ruzi iti «Abagira iyo bajya baragenda».

Ibyo bihugu bigamije kubyaza umusaruro ikibaya cy'Akagera.

**15. Garagaza intêgo y'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.** **(10)**

Akagera si icyuzi cyangwa akuzi.

Iyo kavuye ku Muvumba kerekeza mu Karagwe.

Ibiyaga byako bibamo imvubu, imbogo n'imparage zirisha mu bibaya n'imirambi.

Akagera gasakuma amazi menshi.

**16. Shyira mu bwinshi izi nteruro ebyiri zikurikira:** **(3)**

Ubwato bunini buruta inzu nto.

Isoko y'amazi meza igomba kurindwa umwanda.

**17. Andika ibicumbi by'amagambo aciyeho akarongo.** **(5)**

Bamwe barohamaga abandi bambuka.

Indimi zikoreshwa muri ibyo bihugu ni igiswayire n'icyongereza.

**IV. IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO** **(amanota 15)**

**20. Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko ebyiri uyivanemo umwandiko urambuye utari munsi y'imirongo 25 n'amagambo 200 yose hamwe.**

a) Andika ku mpamvu ebyiri zituma wifuza guhindura cyangwa kuguma mu kigo wigagamo n'ebyiri zerekana igituma wahisemo ishami wifuza kuzakomerezamo.

b) Imigezi, inzuzi n'ibiyaga byacu mubona bitumariye iki? Bitangire ingingo enye zifututse.